**REPUBULIKA Y'U RWANDA** **URUPAPURO RWA 1**

**URUKIKO RW'IBANZE**
**RWA KICUKIRO**

**ICYEMEZO GITEGEKA UKEKWAHO ICYAHA UKURIKIRANWE YARATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO .**

Umwaka wa 2021, Ukwezi kwa Nzeli , Umunsi wa 14 ;

**TWEBWE YANKURIIJE Dorothée**, Perezida w'Urukiko Rw'ibanze rwa KICUKIRO , dufashijwe na **Musabyemariya Violette** , Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**TUMAZE kubona** ko urubanza nº RP 00558/2020/TB/KICU ,ubushinjacyaha bukurikiranyemo Kayiranga Jean Bosco ufite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga no 1197380004957227 ,mu iburanisha ryo kuwa 14/09/2021 wahamagajwe ntiyibabe ,akaba atarabajijwe mubugenzacyaha ndetse no mubushinjacyaha,ubushinjacyaha bwamenyesheje Urukiko ko akurikiranwe yaratorotse ubutabera;

**DUSHINGIYE** ku ngingo ya 160,161 n'iya 162 z'Itegeko N°27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ;

DUTEGETSE ko Kayiranga Jean Bosco azitaba Urukiko rw'ibanze rwa Kicukiro kuwa 22/10/2021 saa mbiri za mugitondo kugira ngo aburane ku cyaha akurikiranweho cyo kubabaza umubiri bidaturutse kubushake ,atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko.

DUTEGETSE ko mu gihe cy'iminsi umunani (8),iki cyemezo gitangazwa kurubuga rw'urwego rw'ubucamanza kandi kikamanikwa ku biro by'Urukiko rw'Ibanze rwa Kicukiro.

Ni uko byemejwe kumunsi,ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

Perezida : Umwanditsi :

YANKURIJE Dorothée Musabyemariya Violette